

RWANDA / JUDGMENT

# UBUSHINJACYAHA v UWIMANA

RPAA 00106/2020/CA

## COURT

Court of Appeal

## DECIDED

15 December 2025

## CASE / FILE NUMBER

RPAA 00106/2020/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

## UBUSHINJACYAHA v UWIMANA

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-12-15
- Case/document no.: RPAA 00106/2020/CA
- Collection: Court of Appeal

### Text

#### Page 1

UBUSHINJACYAHA v UWIMANA [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE - RPAA 00106/2020/CA (Rugabirwa, P.J.) 15 Ukuboza 2025] Amategeko agenga imanza nshinjabyaha – icyaha cy'ubujura bukoreshewe intwaro – Kuba uregwa icyaha cy'ubujura bukoreshewe intwaro yaratesheshwe ibyo yibye, aba yarangije gukora icyo cyaha aho kuba ubwinjiracyaha bwacyo. Incamake y'ikibazo: Muri uru rubanza, Ubushinjacyaha bwakurikiranye uwitwa Uwimana ku cyaha cy'ubujura bukoreshewe intwaro (fer à beton) buvuga ko yaciye ingufuri y'inzu y'uwitwa Nsengiyumva akoresheje icyuma cya “fer à beton”, yinjira muri iyo nzu, afatamo ibintu bitandukanye ariko abaturage bamufatira mu cyuho muri iyo nzu barabimutesha. Ku rwego rwa mbere Urukiko rwemeje ko uregwa ahamwa n'icyaha cy'ubujura bukoreshewe intwaro, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 15. Uregwa yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru yemera icyaha akanagisabira imbabazi, asaba kugabanyirizwa ibihano ariko urwo Rukiko rugumishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe hashingiwe ku kuba yarahanishijwe igihano gito giteganywa n'ingingo y'itegeko kuri icyo cyaha. Uwimana yajuririye na none urwo rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire avuga ko inyito y'icyaha yahinduka, agahamwa n'icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubujura bukoreshewe intwaro, aho kuba icyaha cy'ubujura bukoreshewe intwaro,

akanagabanyirizwa ibihano kubera ko yemera icyo cyaha akanagisabira imbabazi, no kuba ari ubwa mbere akoze icyaha. Ku ruhande rw'Ubushinjacyaha, busanga yakoze icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari, aho kuba icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubujura bukoreshwe intwari, ko kandi ukwemera icyaha yakoreye bwa mbere mu bujuri kutamugirira akamaro. Mu bibazo byasuzumwe n'Urukiko rw'ubujuri, hasuzumwe ibijyanye no kumenya niba uregwa akwiye guhamwa n'icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari, aho kuba icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari yahamijwe n'inkiko zabanje. Hanasuzumwe kandi ibijyanye no kumenya niba uregwa yagabanyirizwa ibihano kubera ko yemera icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari akanagisabira imbabazi. Incamake y'icyemezo: 1. Kuba uregwa icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari yaratesheshwe ibyo yibye, aba yarangije gukora icyo cyaha aho kuba ubwinjiracyaha bwacyo.

2. Uregwa ntiyakongera kugabanyirizwa ibihano, iyo mu bujuri Urukiko rusanga yarabigabanyirijwe bihagije, harebwe uburemere bw'icyaha n'uburyo icyaha cyakozwemo.

Ubujuri nta shingiro bufite. Amategeko yashingiweho: Ingingo ya 3 (1) y'Itegeko N° 059/2023 ryo ku wa 04/12/2023 rishya rihindura Itageko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

## Page 2

Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/8/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 165 n'ya 170. Imanza zifashishijwe: Ubushinjacyaha vs Mpitabakana, RPA 0129/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/03/2014. Ubushinjacyaha vs Nteziryayo, RPA 0249/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016. Ubushinjacyaha vs Uwimana, RPAA 00165/2024/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujuri ku wa 30/05/2025. Inyandiko z'abahanga: Likulia Bolongo, Droit Pénal Spécial Zaïrois, Paris, LGDJ, T1, 1985, p. 383. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Ubushinjacyaha bwakurikiranyeho UWIMANA Jérôme icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari (fer à beton) kubera ko ku wa 29/11/2018, yaciye ingufuri y'inzu ya NSENGIYUMVA Ali akoresheje icyuma cya “fer à beton”, yinjira muri iyo nzu, afata imyenda ayizingira hamwe na radio, ariko abaturage barimo NSENGIYUMVA Théogène bamufatira mu cyuho muri iyo nzu barayimutesha, baramufata bamushyikiriza RIB ya Gikondo iramufata iramufunga. UWIMANA Jérôme yaburanye ahakana icyaha, asaba kugirwa umweme. [2] Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaregwe, rushingiye ku kuba UWIMANA Jérôme yaraciye ingufuri y'inzu ya NSENGIYUMVA Ali akoresheje “fer à beton” nk'intwari, akinjira muri iyo nzu, bakamufatana imyenda yari amaze kuzinga na radio bakabimutesha, no kuba hari inyandikomvugo y'ifatira igaragaza ko UWIMANA Jérôme yafatanwe “fer à beton” akabisinyira, rwaciye urubanza n° RP 01208/03/2018/TGI/NYGE ku wa 28/03/2019, rwemeza ko UWIMANA Jérôme ahamwa n'icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 15. [3] UWIMANA Jérôme yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru yemera icyaha akanagisabira imbabazi, asaba kugabanyirizwa ibihano. Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko UWIMANA Jérôme akwiye kugabanyirizwa ibihano, ariko ntahabwe igihano kiri muni y'igihano gito ntarengwa. [4] Urukiko Rukuru rushingiye ku kuba UWIMANA Jérôme yarahawe igihano gito cy'imyaka 15 giteganywa n'ingingo ya 170 y'Itegeko n°

68/2018 ryo ku wa 30/8/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, kandi icyo gihano kikaba kitagabanywa kuko bibujijwe n'ingingo ya 60 y'iryo Tegeko, rwaciye urubanza n° RPA 00811/2019/HC/KIG ku wa 27/04/2020, rwemeza ko urubanza rwajuririwe rudahindutse, ko igifungo cy'imyaka 15, UWIMANA Jérôme yahanishijwe kigumyeho.

### Page 3

- [5] UWIMANA Jérôme yajuririye na none urwo rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire ubujurire bwe buhabwa n° RPAA 00106/2020/CA, urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 02/12/2025, UWIMANA Jérôme yunganiwe na Me KALLAGI Arnold n'umusemuzi witwa NIYONSABA Jean de Dieu, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na HABINEZA Jean Damascène, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [6] Mu mwanzuro no mu miburanire, UWIMANA Jérôme n'umwunganira bavuga ko inyito y'icyaha yahinduka, agahamwa n'icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari, aho kuba kuba icyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari, akagabanyirizwa ibihano kubera ko yemera icyo cyaha akanagisabira imbabazi, no kuba ari ubwa mbere akoze icyaha. [7] Naho uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko UWIMANA Jérôme yakoze cy'ubujura bukoreshajwe intwari, aho kuba icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari, ko kandi ukwemera icyaha yakoreye bwa mbere mu bujurire kutamugirira akamaro nk'uko byatanzweho umurongo mu manza zaciye n'uru Rukiko. [8] Urukiko rwasuzumye ibibazo bikurikira:
- a) Kumenya inyito y'icyaha UWIMANA Jérôme yakoze.
  - b) Kumenya niba UWIMANA Jérôme yagabanyirizwa ibihano kubera ko yemera icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari akanagisabira imbabazi. II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA
- 1) Kumenya inyito y'icyaha UWIMANA Jérôme yakoze. [9] UWIMANA Jérôme n'umwunganira bavuga ko inyito y'icyaha ikwiye guhinduka agahamwa n'icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari, aho kuba icyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari yahamijwe, kubera ko yamenye ingufuri y'inzu akoresheje "fer à beton", ayinjiramo, ariko ko yafatiwe mu cyuho nta mafaranga cyangwa ikindi kintu ariba kuko ntacyo yafatanwe, cyane cyane ko nta nyandikomvugo y'Ubugenjacyaha igaragaza ko ibyo yari agiye kwiba byafatitiwe bikanafotorwa, uretse ko yavuze ko yari afite aka bag agamije kwisobanura gusa. [10] Bavuga kandi ko kuba mu Rukiko Rukuru, UWIMANA Jérôme yaremeye icyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari ubwabyo bitatuma ahamwa n'icyo cyaha, kubera ko mu rubanza n° RPAA 00366/0221/CA rwaciye n'uru Rukiko ku wa 31/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na HAFASHIMANA Gaudence, mu gika cya 24, urwo Rukiko rwemeje ko ukwemera icyaha kugira agaciro iyo kunganiwe n'ibindi bimenyetso, ariko ko muri uru rubanza nta kimenyetso kigaragaza ko UWIMANA Jérôme yibye ibintu aranabifatanwa. [11] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko UWIMANA Jérôme yakoze icyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari, aho kuba icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari, kuko atafashwe ashaka kwinjira mu nzu, ko ahubwo yafashwe igikorwa cyo kwiba cyageze ku musozo kubera ko NSENGIYUMVA Théogène yamubonye yica ingufuri y'inzu

ituwemo ya NSENGIYUMVA Ali akoresheje “fer à beton”, anamubona ayinjiyemo anafatwa n’abaturage

## Page 4

yarangije kwegeranya no kuzinga imyenda na radio kugira ngo abitware nk’uko byemejwe n’abatangabuhama bamufashe bakanavuga n’ingano y’ibyo yibye bamufatanye, bivuze ko uregwa yageze ku mugambi we wo kwiba. UKO URUKIKO RUBIBONA [12] Ingingo ya 165, 1°, y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/8/2018 ryavuzwe haruguru, iteganya ko “kwiba ari gutwara ikintu cy’undi atabiguhereye uburenganzira nyir’ukugitwara agamije kukigira icye cyangwa kugikoreshe”<sup>1</sup>. [13] Naho ingingo ya 165, 2°, y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/8/2018 ryavuzwe haruguru, igateganya ko “kwiba witwaje intwara: kwiba witwaje igikoreshe icyo ari cyo cyose, imbunda, icyuma cyangwa ikindi kintu cyose gitema, gitobora cyangwa gisekura, gishobora kwica, gukomeretsa cyangwa gukubitishwa kigaragara cyangwa gihishe cyangwa kibonetse hafi y’aho icyaha cyakorewe”. [14] Umuhanga mu mategeko ahana witwa Likulia BOLONGO, mu gitabo cye yise “Droit Pénal Spécial Zaïrois”, asobanura ko mu byemezo byazo, Inkiko zemeje ko habaho ubujura mu rwego rw’amategeko, iyo umuntu afashe ikintu cy’undi, agahita yitwara nka nyiracyo (propriétaire), kandi azi neza ko ari icy’undi, akaba na nyiracyo, atabimuhereye uburenganzira<sup>2</sup>. [15] Na none uwo muhanga asobanura ko kuva umuntu afashe ikintu cy’undi agamije kucyambura ku buriganya uwari ugifite (détenteur), icyaha cy’ubujura kiba cyarangije gukorwa<sup>3</sup>. [16] Dosiye igaragaza ko mu Bugenzacyaha, n’ubwo UWIMANA Jérôme yahakanye icyaha, yemeye ko yafatanwe “fer à beton”, ageze mu Rukiko Rukuru yemera icyaha cy’ubujura bukoreshwe intwara, anagisabira imbabazi, ariko ageze imbere y’uru Rukiko, yemera icyaha cy’ubwinjiracyaha cy’ubujura bukoreshwe intwara yakoze ubwo yicaga ingufuri y’inzu, akayinjiramo, ariko agafatirwa mu cyuho atariba kuko nta kintu yafatanwe. [17] NSENGIYUMVA Ali yatanze ikirego mu Bugenzacyaha, aho yareze UWIMANA Jérôme ko yaciye ingufuri y’inzu akoresheje “fer à beton”, kandi ko abaturage barimo NSENGIYUMVA Théogène bamufatanye radio imwe, amapantalo 4 n’imipira 5 ya training. [18] Hari kandi umutangabuhama witwa NSENGIYUMVA Théogène wasobanuye mu Bugenzacyaha, ko SHIKAMA yamweretse umujura watoboraga inzu akoresheje “fer à beton” anayinjiramo, ariko ko bayimufatiyemo amaze kuzinga imyenda hamwe na radiyo, batabaza abaturanyi kuko yashakaga kubarwanya, baramufata, bamushyikiriza Inzego z’Umutekano ziramufunga.

1 “vol: soustraire sans l’autorisation du propriétaire une chose appartenant à autrui afin de s’en approprier ou s’en server”; “theft: taking another person’s property without his/her consent with an intention to make it his/her own property or use it”. 2 “C’est ainsi que la jurisprudence décide que pour qu’il y ait vol au sens de la loi, il faut, mais il suffit, que l’agent s’empare de la chose comme propriétaire alors qu’il sait qu’elle est à autrui et que le propriétaire n’y consent pas”, par Likulia Bolongo, Droit Pénal Spécial Zaïrois, Paris, LGDJ, T1, 1985, p. 383. 3 Dès qu’il y a appréhension d’un objet opérée dans le but et ayant pour effet de déposséder frauduleusement le détenteur, le vol est consommé », idem, p.385.

## Page 5

- [19] Hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 165, uduce twa 1° na 2° y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/8/2018 ryavuzwe haruguru, no kubisobanuro by'umuhanga byavuzwe haruguru, Urukiko rw'Ubujurire rurasanga, kuba UWIMANA Jérôme yarinjiye mu nzu ituwemo na NSENGIYUMVA Ali amaze kwica ingufuri akoresheje "fer à beton", kandi akaba yarafatanwe ibintu birimo radio imwe, amapantalo 4 n'imipira 5 ya training yari yazingiye hamwe abitwaye abyita ibye kandi atabiherewe uburenganzira na nyirabyo ariwe NSENGIYUMVA Ali, ariko akabiteshwa n'abamufatiye muri icyo nzu barimo NSENGIYUMVA Théogène, bigaragara ko UWIMANA Jérôme yakozwe icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari nk'uko byemejwe n'Inkiko zabanje, aho kuba icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari nk'uko ashaka kubyumvikanisha. [20] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga ibivugwa na UWIMANA Jérôme ko yakozwe icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari kubera ko nta nyandikomvugo y'Ubugenzacyaha iri muri dosiye igaragaza ko yafatanwe radio, amapantalo 4 n'imipira 5 ya training ngo binafotorwe nta shingiro bifite, kuko abaturage babimufatanye barimo NSENGIYUMVA Théogène bahise babisubiza nyirabyo batabanje kubigaragariza abakozi ba RIB kugira ngo babikorere inyandikomvugo.
- 2) Kumenya niba UWIMANA Jérôme yagabanyirizwa ibihano kubera ko yemera icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari akanagisabira imbabazi [21] UWIMANA Jérôme n'umwunganira bavugaga ko akwiye kugabanyirizwa ibihano agahanishwa igihano gito gishoboka (minimum) kubera ko yemera icyaha cy'ubwinjiracyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari yakozwe, kuba ari ubwa mbere akoze icyaha bitewe n'ubukene, no kuba nta ngaruka icyaha yakozwe cyateje umuryango nyarwanda, ko ahubwo cyateje ingaruka ku bana be n'umugore, ndetse ko yasubikirwa ibihano kuko imyaka 7 amaze afunze yatumye agororoka. [22] Uhagarariye Ubushinjacyaha avugaga ko UWIMANA Jérôme atagabanyirizwa igihano ajuririra kuko atagaragaza inenge cyangwa amakosa ari mu rubanza ajuririra, kugira ngo bikosorwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 183 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu. [23] Avugaga na none ko indi mpamvu ituma UWIMANA Jérôme atagabanyirizwa igihano, ari uko yahanishijwe igihano gito (minimum) cy'imyaka 15 giteganyirijwe icyaha cy'ubujura bukoreshwe intwari yakozwe. Anavugaga ko ukwemera icyaha yakoreye bwa mbere mu Rukiko Rukuru n'imbere y'uru Rukiko ntacyo kwamunarira, kuko ari ingingo nshya yazanywe mu bujurire nk'uko byatanze umurongo mu manza zacyiwe n'uru Rukiko nk'urubanza n° RPAA 00859/2024/CA, rwacyiwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 23/05/2025 haburana Ubushinjacyaha na JYAMUBANDI Abbas, kuko uregwa atigeze yemera icyaha yakozwe mu Bugenzacyaha no mu Rukiko Rwisumbuye, ko ahubwo igifungo cy'imyaka 15 yahawe aricyo gikwiye kugumaho. [24] Yongeyeho ko uru Rukiko rutashingira ku murongo watanze mu rubanza n° RPAA 00366/0221/CA rwacyiwe n'uru Rukiko ku wa 31/01/2023 rwavuzwe haruguru na UWIMANA Jérôme n'umwunganira, kuko uwo murongo udahuye n'uru rubanza.

## Page 6

UKO URUKIKO RUBIBONA [25] Ingingo ya 170, 2° na 3° y'Itegeko, N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rimaze kuvugwa haruguru, igateganya ko "Umuntu wese wiba akoresheje intwari, aba akoze icyaha cyo kwiba hakoreshejwe intwari". Igika cya 3 cy'iyi ngingo gateganya ko iyo abihamijwe n'urukiko, "igihano kiba igifungo kirenze imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW) iyo: 2° intwari yitwajwe yakoreshejwe; 3° kwiba byakorewe mu nzu ituwemo cyangwa mu biyikikije, kabone n'iyi yaba ituwemo by'ateganyo cyangwa mu nzu ikorerwamo". [26] Ikibazo cy'uko uregwa atakongera kugabanyirizwa ibihano, iyo mu bujurire Urukiko rusanga yarabigabanyirijwe bihagije, harebwe uburemere bw'icyaha n'uburyo icyaha cyakozwemo, cyatanzweho umurongo n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza n° RPA 0129/10/CS rwaciye n'urwo Rukiko ku wa 07/03/2014, haburana Ubushinjacyaha na MPITABAKANA. Uwo murongo ninawo wagiye ushingirwaho mu manza zaciye n'Urukiko rw'Ikirenga nk'urubanza n° RPA 0249/13/CS rwaciye ku wa 25/11/2016 haburana Ubushinjacyaha na NTEZIRYAYO n'ianza zaciye n'uru Rukiko nk'urubanza n° RPAA 00165/2024/CA, rwaciye n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 30/05/2025, Ubushinjacyaha buburana na UWIMANA Faide (igika cya 12). [27] Dosiye igaragaza ko kuva Nzego z'iperereza kugera mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, UWIMANA Jérôme yahakanye icyaha cy'ubujura bukoreshywe intwari, ahanishwa igifungo cy'imyaka 15, ariko ageze mu Rukiko Rukuru yemera icyo cyaha anagisabira imbabazi, rwemeza ko igifungo cy'imyaka 15 kigomba kugumaho, kuko aricyo gihano gito ntarengwa ingingo ya 170 y'Itegeko, n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru, iteganyiriza icyo cyaha yakoze. [28] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga UWIMANA Jérôme atakongera kugabanyirizwa ibihano kubera ko yahanishijwe igihano gito ntarengwa (minimum) cy'imyaka 15 giteganyirijwe icyaha cy'ubujura bukoreshywe intwari yakoze nk'uko biteganywa n'ingingo ya 170 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru. [29] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kandi UWIMANA Jérôme atahabwa isubikagihano asaba kugira ngo ajye kwita ku muryango we, kuko ahanishijwe igifungo kiri hejuru y'imyaka 5 nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 (1) y'Itegeko n° 059/2023 ryo ku wa 04/12/2023 rihindura Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange. [30] Hashingiwe ku bisobanuwe haruguru, Urukiko rw'Ubujurire rurasanga igifungo cy'imyaka 15, UWIMANA Jérôme yahawe kigomba kugumaho, bityo n'urubanza rwajuririwe rukaba rutagomba guhinduka, bivuze ko ubujurire bwe nta shingiro bufite.

4 Ingingo ya 3 (1) y'Itegeko n° 059/2023 ryo ku wa 04/12/2023 rishya rihindura Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, iteganya ko « Iyo uwakatiwe nta kindi gihano cy'igifungo kirenga amezi 6 yahanishijwe mbere, urukiko, rukoresheje icyemezo gisobanura impamvu, rushobora gutegeka gusubika irangiza ry'igihano cyose cyangwa igice cy'igihano cy'iremezo cyangwa cy'ingereka, iyo igihano cy'iremezo cy'igifungo umuntu yakatiwe kitarenze imyaka 5".

---

**Page 7**

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [31] Rwemeje ubujurire bwa UWIMANA Jérôme nta shingiro bufite; [32] Rwemeje ko imikirize y'urubanza n° RPA 00811/2019/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 27/04/2020, idahindutse; [33] Rwemeje ko igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15) UWIMANA Jérôme yahanishijwe n'urwo Rukiko kigumyeho.

---

**Source & reproduction note**

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

**ORIGINAL SOURCE**      <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10555/11111>

**CASE PAGE**              <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/armedrobbery-court-of-appeal-2025--6a3ea5233b1caa9129818d2c>

Prepared on 9 October 2026 · Esheria